RWANDA POLYTECHNIC

P O Box 164, Kigali
Address: KK 15 Road, Kigali
Website: www.rp.ac.rw
Email: info@rp.ac.rw

# ITANGAZO RYO GUSABA KWIGA MURI ZA IPRCs

Ishuri Rikuru ry'Imyuga n' Ubumenyingiro, (Rwanda Polytechnic) riramenyesha abanyeshuri bifuza kwiga mu ma koleji yaryo : IPRC Kigali, IPRC Ngoma, IPRC Karongi, IPRC Huye, IPRC Tumba, IPRC Musanze, IPRC Gishali na IPRC Kitabi mu mwaka w'amashuri 2021/2022, ko igikorwa cyo gusaba ishuri hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga ku rubuga: https://application.rp.ac.rw kizatangira tariki ya **05/01/2022** kikazarangira tariki ya **25/01/2022.**

Usaba kwiga agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ufite **"email"** ikora neza kandi yibuka neza ijambo ryibanga (password)
2. Kwishyura Frw 5000 adasubizwa kuri COGEBANK ukoresheje nomero wahawe na system ya Rwanda Polytechnic cyangwa ukoresheje Mobile Money, ugakanda ***662*800*1#** aho bakubaza code wandikemo **RP** ubundi ugakurikiza amabwiriza.
3. **Kopi y'Indangamuntu kandi amazina agomba kuba ahuye nayo ku mpamyabumenyi yawe ( Diplome ya Secondaire).**
4. Kuba afite:
   a) Impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye kubarangije mbere ya 2019,
   b) Kuba yaratsinze neza kandi afite nibura amasomo 2 yingenzi afitanye isano n'ibyo ashaka kuziga muri IPRCs,

Ku bindi bisobanuro mwasoma "Student Handbook" iri ku rubuga "**www.rp.ac.rw**" cyangwa imbuga za IPRCs.

**<u>Icyitonderwa</u>: kugira ngo ubusabe bwawe bugire agaciro, Amazina ari ku ndangamuntu agomba kuba ahuye nayo ku mpamyabumenyiyawe ya secondaire Mugihe bidahuye, urasabwa kubanza kubikosoza mbere muri NESA cyangwa NIDA mbere yo gusaba ishuri** Nomero wakoresheje mu kwishyura no gusaba umwanya muri Rwanda Polytechnic ninayo uzakoresha usaba inguzanyo yo kwiga itangwa n'Ikigo cya Leta Gishinzwe amashuri makuru (High Education Council / HEC ). Ku bindi bisobanuro, mwatwandikira kuri email: admission@rp.ac.rw cg mugahamagara kuri numero zikurikira: IPRC KIGALI (0788690794), IPRC MUSANZE (0783170961), IPRC TUMBA (0788544647), IPRC KARONGI (0788794931), IPRC KITABI (0788292379), IPRC HUYE (0789060370), IPRC NGOMA (0788899791), IPRC GISHARI (0784040463) naho kuri RP Head OfficeTel: 0783794985, 0787471825 mu minsi y'akazi.

**Bikorewe i Kigali, kuwa 04/01/2022**

**Ubuyobozi bwa Rwanda Polytechnic**

RWANDA POLYTECHNIC · RP